Kigali, kuwa 25/02/99

N°001/21.10

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, N'UMUCO
B.P. 1044 - KIGALI

**Bwana Munyamabanga Mukuru**
**muri Minisiteri y'Urubyiruko,**
**Siporo, n'Umuco**
**KIGALI**

**Impamvu :**
**Kwohereza amazina y'abakozi**
**bakora amasaha y'ikirenga**

Bwana Munyamabanga Mukuru,

Nshingiye ku ibaruwa n° 1017/21.00 yo ku wa 23 Gashyantare 1999 irebana n'impamvu yavuzwe haruguru, nshimishijwe no kubohereza ku mugereka w'uru rwandiko amazina y'abakozi bakora mu Buyobozi bw'Imirimo Rusange bakwiye guhabwa inyongera ku mushahara wabo biturutse ku masaha y'ikirenga bakora.

Mbifurije kubyakira neza.

**Umuyobozi w'Imirimo Rusange**

**KANYANGE Anne Marie**

KANYANGE Anne Marie
Directrice
des Services Généraux
MIJESCAFOP

Bimenyeshejwe :
- Bwana Minisitiri w'Urubyiruko,
  Siporo, n'Umuco
  KIGALI

## ILISITI Y'ABAKOZI BAKORA AMASAHA Y'IKIRENGA MU BUYOBOZI BW'IMIRIMO RUSANGE

| AMAZINA | ICYO AKORA | IMPAMVU Y'AMASAHA Y'IKIRENGA |
|---|---|---|
| **1. HATEGEKIMANA Emmanuel** | Imicungire n'imikoreshereze y'ibyuma kabuhariwe (Gestion de l'informatique) no kwunganira ushinzwe imicungire y'abakozi (Chef du Personnel) | Usibye akazi ka « Informaticien », HATEGEKIMANA Emmanuel afasha Chef du Personnel mu mitunganyirize y'amadosiye y'abakozi cyane cyane ku byerekeranye n'itegura ry'imishahara no kubara ibirarane (régularisation); ubu basigaye bakora n'iminsi ya week-end. |
| **2. GAKIRE Innocent** | Ashinzwe Imicungire y'abakozi (Chef du Personnel) | Kubera ubuke bw'abakozi muri service ye, akora amasaha y'ikirenga kandi agakora no muri week-end |
| **3. MUKANDOLI Diane** | Umucungamutungo (Gestionnaire) muri Division DAAF | Usibye akazi ka « Approvisionnements », gushaka za Factures Proforma no gukurikirana muri « Finances » amadosiye y'abagomba kwishyurwa, Diane ashinzwe n'imicungire y'isanduku (Caisse) iyo habonetse amafaranga akoreshwa mu buryo bwihutirwa agomba kubikwamo. Kubera ikibazo cy'imodoka, ibyinshi abikora nyuma y'amasaha y'akazi no muri week-end. |
| **4. MUSABYEYEZU Sarah** | Umwanditsi (Dactylographe) | Amasaha y'ikirenga aturuka ku nyandiko z'Ubuyobozi bw'Imirimo Rusange ziba ari nyinshi cyane kandi akenshi zihutirwa. |
| **5. BERAHINO Chantal** | Umunyamabanga w'Ubuyobozi (Secrétaire de Direction) | Usibye akazi k'ubunyamabanga, Chantal afasha Umwanditsi mu myandikire y'amadosiye aba yamubanye menshi. Iyo Umuyobozi yakoze amasaha y'ikirenga, biba ngombwa ko umwanditsi ataha atinze. |
| **6. KANYAMIBWA Simon** | Ashinzwe imicungire y'ibinyabiziga (Charroi) | Kubera amabwiriza mashya y'imikoreshereze y'imodoka za Leta, KANYAMIBWA akora amasaha y'ikirenga kuko agomba kujya ataha ari uko imodoka zose zabitswe, agashobora kujya atanga raporo buri gitondo. |